

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANATALIYA MUKAMAZIMPAKA**  
**I KIBEHO TARIKI YA 04/07/1983**

*GUHERA SAA MUNANI N'IMINOTA 25 KUGERA SAA KUMI N'IMWE N'IMINOTA 7.*

Uwanditse ibi mugiyeye gusoma, yari ahibereye ubwe, ibyavugwaga byose yarabyandikaga. na nyuma yaho yifashisha cassette kugira ngo atunganye neza ibyo yari yanditse. aho musanga utumenyetso dushushanyije gutya: ===== mumenye ko ari nk'ijambo cyangwa interuro bitashoboye kumvikana neza igihe umwana ubonekerwa avugana n'umubonekera.

Saa munani n'iminota 25, nibwo Anataliya yaje gupfukama kuri rwa rutara babonekererwaho (podium). BIKIRA MARIYA amubonekeye, yubura amaso ayahanga uwo MUBYEYI atangira kuvugana nawe agira ati:

- Naguteze amatwi, mbwira icyo ushaka cyose.
- *Indirimbo: Mawe wahebuje bose*
- Narangije kukwitegura
- Sinababwira ko nayirangije neza, ariko nagerageje uko nari nshoboye.
- Turabyifujye
- Nk'uko mu konyarwanda duca umugani ngo ntawanga inyongera, n'ubwo mwatubwiye byinshi bwose, turifuza ko mwatwongerera ibindi!
- Yee.
- Ntabwo nakwemeza ko ibyo mutubwira tubyakira neza. Ariko kandi sinahakana ko tutabyakira. Ariko rero turi hagati: tubyakira tutabyakiriye!
- Ni igihe kinini kubera ko imyaka ibiri yuzuye; ndetse hariho n'ukwezi kumwe, kuko mwaje kuri 28/11/1981. ubwo rero ibyo mwatugejejeho byose ni byinshi. Ariko rero ni mwe =====
- Ku bo mwabihereye ingabire barabyibuka.
- Ndabizi neza ko mwavuze ko mutazanywe n'ubusa. Ariko rero ibyo mutubwira byose, turabyumva.
- Nk'uko nakomeje kubabwira kenshi ko kumva tutabinanirwa, ariko kubikurikiza nibyo bigenda bitugora.
- N'uyu muni rero ntabwo twahakana ko tudashaka kumva. Gusa icyo dusaba ni ukugira ngo dushobore gukurikiza ibyo mutubwira.
- Tugenda turutana: Hariho ababayeho, ubu bamaze kuba abasaza. Hakabaho rero abari mu kigero batari abasaza kandi ntibabe n'abasore, hakabaho rero n'abasore, n'abana, n'inkumi, n'abari hagati y'abana n'inkumi cyangwa abasore.
- Ntabwo ari ko twese tuzi ibintu bimwe. Cyangwa si ko twese duhujije ubwenge.

- Oya, muri abo bose nta n'umwe mwaheje ko abatega amatwi.
- Jye mbona bose baba bavanze.
- Oya ntabwo twese dufite kubyakira kimwe; n'ubwo mubivuga; n'ubwo mutubwirira hamwe twese, ntabwo ari ko tubyumva kimwe twese.
- Hari nk'abasobanukirwa, hakaba hariho rero n'abadasobanukirwa, kuko hariho ibyo mutubwira benshi bikabaviramo ibibazo, abandi bikababera urujijo; bityo buri wese akagenda ari ukwe undi ukwe.
- Twese turabizi ko udukunda!
- Ntabwo nemeza ko twese tugukunda kubera ko ureba imitima yacu uko iteye.
- Ugize nk'uko tumeze twashira.
- Mwe mwarambwiye ngo iyo twishimye ntitukwambaza, ahubwo tukakwibuka tubabaye. Muri icyo gihe nawe utwirengagije twagira dute? None rero natwe, **UTWANZE NK'UKO TUKWANGA TWASHIRA!**
- Yee, ndabyibuka byose.
- **Mwakunze kumbwira ko tugomba GUSENGA IGIHE CYOSE, ARI MU BYINSHIMO CYANGWA MU MIBABARO. Munsobanurira ko AMASENGESHO ATAGIRA AHO AGARUKIRA.**
- **Kandi mwambwiye ko TUGOMBA KUGABURIRA ROHO ZACU, IGIHE CYOSE, NK'UKO TWIHUTIRA KUGABURIRA IMIBIRI YACU.**
- **Mumbwira ko IFUNGURO RYA ROHO ARI AMASAKRAMENTU ===== kandi n'AMASENGESHO.**
- Kuva aho mwabimbwiriye ntabwo nakwemeza ko twabikurikije cyangwa se ko tutabikurikije kuko ntaruzi mu mitima yabo.
- =====
- Gusa ni uko nzi ko nagerageje n'ubwo ntabyujuje bwose.
- Mukomeza kumbwira ko tugomba kandi, **KWISUKURA KU MUTIMA, IGIHE CYOSE TUGASHIMISHWA N'UKO ROHO YACU YERA**, ariko ibyo byaratunaniye.
- Byatunanijwe no kubera ko dufite intege nkeya. Tubura imbaraga zo kwicuza.
- Akenshi n'iyi turivuze ntabwo tuba tubikuye ku mutima. Mwatubwiye ko **TUGOMBA KURIVUGA INSHURO NYINSHI**, ariko rero igihe cyose mwaturebye uko tugenda turivuga. Gusa byose byatungana ari uko dufite ingabire zanyu.

- Mwakomeje kutubwira ko ISI IMEZE NABI, TUGOMBA KUBA MASO TUGASENGA, DUSABIRANA KUGIRA NGO DUSHOBORE GUFASHANYA DUKIZANYA.
- Nk'uko rero nigeze kubibwira UMWANA WANYU, NTI ESE KO MUSEZEYE, ISI ITARAMERA NEZA UBWO MUZABA MWAGIYE MWESE BIZAGENDA BITE?
- Yanshubije ko NTA GAHATO MUJYA MUKORESHA NA GATOYA. Ushaka kubakurikira arabakurikira, kandi n'ushaka kubumva arabumva.
- Mwakomeje kandi kumbwira ko TUGOMBA KUBAKURIKIRA TUKANABAKURIKIZA. TUKAMENYA KO MWARANGWAGA N'IMIGENZO MYIZA, N'IMICO MYIZA MUKABA RERO MUTWIFUZAHO UMUGENZO MWIZA WO KWIYOROSHYA, N'UMUGENZO MWIZA WO KWICISHA BUGUFI, N'UMUGENZO MWIZA W'URUKUNDO.
- Twabonanye kuri 11/6. mwambwiye ko tugomba GUSABA CYANE CYANE IBINTU BITANDATU ndacyabyibuka:
  - 1) Mwambwiye ko tugomba GUSABA UBWITONZI TUKITONDA MURI BYOSE.
  - 2) Mwongera kumbwira ko tugomba GUSABA UBUSHISHOZI, KUGIRA NGO DUSHOBORE GUSOBANUKIRWA IKIBI N'ICYIZA.
  - 3) Mwongera kumbwira ko tugomba GUSABA URUMURI, KUGIRA NGO RUTUBONESHHEREZE NEZA INZIRA Y'UKURI.
  - 4) Mwambwiye ko tugomba GUSABA IMBARAGA, KUGIRA NGO TUJYE DUSHOBORA GUTSINDA IBIDUSHUKA BYOSE.
  - 5) Mumbwira ko tugomba GUSABA UBUTWARI, KUGIRA NGO DUHORE TUBAKORERA NTA BUNEBWE.
  - 6) Mumbwira ko tugomba GUSABA KWIHANGANA, KUGIRA NGO DUSHOBORE KUBA MURI IYI SI TUBATUNGANIYE.
- Ntabwo nari kubyibagirwa kandi ari byo mwari mutubwiye ko TUGOMBA KUBISABA KUKO TUBIKENEYE.
- Ibyo byose nasanze tubikeneye. Hari n'ibindi byinshi cyane twifuzaga. Ariko kubera ko ibyo ari byo MWADUTORANIRIJE, mwarushijeho kubikunda no kubisaba buri gihe.
- Ubwitonzi muri iyi si koko turabukeneye.
- Turabukeneye igihe cyose, kuko akenshi muri iyi si higanjemo umwijima.
- Kenshi mubona ubunebwe tugira, n'imbaraga nkeya tugira, niyo mpamvu koko tugomba kuzisaba.
- Akenshi tugucumurira kubera ukubura kwihangana; niyo mpamvu mbona ko tubukeneye.
- Arayiruta.

- Ibyo bisumbye kure ibyo twasabaga. Cyane cyane murareba ibyifuzo byacu aho biba byerekeye, n'uko tubisaba, n'uko tuba tumeze.
- Ibyo byose uko ari bitandatu?
- N'ubwo ni makeya muvuze. Arabisumbye kure.
- Biterwa n'uko abantu benshi muri iki gihe basigaye bavuga ngo : Imana y'ubu ni ifaranga. Niyo mpamvu ubona benshi ari ho umutima wabo werekeye.
- Ndishimye.
- Mwongeye kumbwira ko MUMBAZA IBIBAZO, ariko ntabwo nongeye kubabona ngo mbibabaze.
- Ubwo mwambwiye ngo : "MURIYUHAGIRA" ? ukongera kumbwira ngo : "MURABYUTSE" ? nibagiwe n'irindi jambo rya gatatu. Nabwo nari nakomeje kubabwira nti : noneho ndumva nayobewe ibyo muvuga. None rero kuri uyu muni niba bishoboka muyansobanurire icyo muba mushaka kugeraho.
- icya gatatu : "MURAKANUYE" ?
- Niyo mpamvu ntabisobanukiwe kubera ko nahise mbishyira ku byerekeye umubiri mbese, ni naho ubwenge bwanjye bwagarukiraga. Sinashoboraga kwisobanurira ko ari IBYEREKEYE ROHO mwashakaga kumbwira.
- Iyo se mwambwiraga ngo MURIYUHAGIRA, ni iyihe mpamvu yari itumye mubimbwira cyangwa mwashakaga ko twakora iki ?
- Ni ukubera ko mwari mwavuze mu rindi jambo. Ntabwo nahise numva ko ari kuri ROHO TUGOMBA KUHAGIRA.
- Iyo umuntu asinziriye, akenshi ajya mu bitekerezo, akarota inzosi mbi cyangwa akabona ibintu bibi cyane cyangwa byiza. Mbese ntabwo aba yumva ngo amenye aho ari cyangwa ngo amenye uko ameze. Ariko akenshi ni aho umuntu arota ibintu bibi.
- Ko byose mu by'isi se.., ntabwo twumva na gatoya ko twabishobora, kugira ngo dushobore kwivangura muri ibyo bintu byose biba bituzitira. Ntabwo twabishobora ku mbaraga zacu.
- Mwakomeje kubidusaba kenshi ko tutagomba kwihambira ku by'isi. Nk'uko mwabivuze mu ijamba rya mbere tubonana : ko "IBY'ISI BISHIRA ARIKO IBY'IJURU BIDASHIRA". Nakomeje kubyumva ariko ndareba ngasanga kugira ngo tubyigobotoremo, biruhije.
- Tuzabivamo bitewe n'imbaraga muzaduha.
- Naho aho mwavuze ngo : "TURAKANUYE", ntabwo nabyemeza kubera ko, ibyinshi biducaho, kandi duhagaze aho ngaho tureba.
- Amaso yacu ni ibinogo nk'ureba mu mwobo kubera ko kenshi iyo umuntu aharebye asanga ari mu mwijima. Ntuhari urumuri, mu maso yacu ni mu mwijima.

- Nkunda kubyifuzza kuko akenshi twifuzza byinshi. Ari ibisanzwe ari ibidasanzwe. Byose rero nta na kimwe tuvangura. Kubona ko dusaba ibitangaza kandi mu maso yacu ari umwijima ! Ni uko nyine duteye ! Ni uko tumeze !
- Igitangaza cyaruta ijamba mutubwira ntacyo.
- Ni ukubera ubwenge bwacu bukeya. N'ababufite kandi burimo UBUIJI !
- N'ubundi dukunda kwivugira tuti : Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana. Namwe rero, kugira ngo tubone ibyinshi kandi bitadushimishije, twabona bikeya bidushimishije.
- Rimwe na rimwe ni ho dushobora kubizirikana. Mbese nanjye iyo ntekereje nk'isaha, ngatekereza ukuntu MWAJE KUGIRA NGO MUTUGARURE MU NZIRA NZIZA KANDI MUSHOBORE KUTUBWIRIZA NO KUTWIBUTSA IBYO TWIBAGIWE, NSANGA ARI "URUKUNDO RURENZE " ! nareba rero n'ukuntu TUBAKIRA n'ukuntu DUKURIKIZA IBYO MUTUBWIRA, cyangwa TUBITEGA AMATWI, UKO TUBA TUMEZE, nkumva birambabaje, nkibaza uko mwebwe mubibona, n'ukuntu mubyumva !
- Ubundi nzi nez ako inshuti yawe ikubwira ikintu, wihutira kugikurikiza. Niba ikwifuje, iba ikwifurije ngo uze uyifashe, ukihutira kuyifasha cyangwa kuyihoza, ukihutira kuyibwira amagambo meza. Ariko ubu natekereza MWEBWE MUDUKUNDA KURUTA BYOSE n'ukuntu twifata imbere yanyu nkumva birambabaje !
- Warambwiye ngo : AKENSHI MUBABAZWA N'UKUNTU IMITIMA YACU IMEZE. NGO KUKO IYO UMWANA ARI IKIRUMBO, AKENSHI NTABWO AMENYA YUKO ARUMBYE. NGO NTA N'ICYO ABA YUMVA. NGO GUSA ABABYEYI BE NIBAO BABA BAFITE AGAHINDA, BAGASHENGUKA UMUTIMA BITEWE N'UKO BABONA UMWANA WABO AMEZE. NA WE RERO AMBWIRA, KO MUBABAZWA N'UKO TUBA TUMEZE !
- Mwaradusobanuriye kandi mwarushijeho no kudasobanurira byinshi twari dufitemo ubujiji.
- Ko ari mwebwe mubyivugira. Nanjye mbona ko ari byo koko.
- Ubwo nyine ubwo muzaba mwarasezeye cyangwa se na n'ubu tukiri kumwe, ntabwo nzi ko abenshi tutazasubira inyuma, bitewe nuko na n'ubu dusubira inyuma kandi tukiri kumwe namwe.
- Naribajije ejobundi ndavuga nti : ubungubu ubwo ejobindi bazaba barasezeye nduzi tuzasubira inyuma, kubera ko na n'ubu TUTABIFITIYE INYOTA, NGO DUSHOBORE GUKANGUKA TUKIRI KUMWE NAMWE. Ubwo rero mutazaba mukitwibutsa bimwe na bimwe, tuzajya twisinzirira twigire mu bibi byacu.
- Ni uko duteye nyine, mbese uko ubona tubikora buriya ni ko tuba tubitekereje. Kandi ntabwo tuba tuzi ko ari bibi.
- Ubwo se hari ubwo mwari mwabona umwana yisiga ibyondo azi ko ari bibi ?
- Natwe rero dukora icyaha tutazi ko ari bibi.
- Ni ko tuba tumeze.

- Iyo umuntu avuga, akenshi tuba tumuteze amatwi, ariko nyamara umutima udahari ! mbese ni uko duteye.
- Si ubu gusa no mu masengesho ni uko tuba tumeze. AKENSHI TUBA TURI IMBERE YAWE TUKWAMBAZA, CYANGWA SE DUSENGA UMWANA WAVE, ARIKO UMUTIMA UDAHARI. Abatubona rero, bakabona ko tumeze neza, nyamara mwe mubona tumeze NABI.
- Njye mbona bituruka ku ntege nkeya zacu.
- Byose se ko ari mwe mubitegeka, kandi turindira ugushaka kwanyu. Usibye ko rimwe na rimwe twibeshya tuvuga tuti: KUKI ATAMPAYE ICYO NIFUZAGA? KUKI ADAKOZE UGUSHAKA KWANJYE? Ariko rero mu ijwi rimwe no mu ijamba rimwe twari dukwiye KURINDIRA UGUSHAKA KWANYU.
- Wadusobanuriye byinshi kandi byiza, gusa ni uko tudafite amatwi yo kubyumva n'amaso yo kureba ibyo muba MWIFUZA KUTWEREKA.
- Yavuze ko ATADUSEZEYEHO, AHUBWO KO IGIHE CYOSE ABA ARI KUMWE NATWE.
- Jye namusabye urwibutso kugira ngo aho ndi hose nzajye nibuka igihe yansezereyeho. Ambwira ko NTA KINDI CY'URWIBUTSO; AMBWIRA KO NTA KINDI CYAHORAHO KITARI IJAMBO RYE.
- Nabwo yahise ambwira ati: NTABWO UZI KO BYANDITSE, KO IBINTU BYOSE BIZASHIRA ARIKO IJAMBO RYANJYE RIKAZAHORAHO ITEKA!
- Byanyibukije igihe mwambwiraga ngo:NTA KINDI KIZAKURANGA, AHO URI HOSE KO URI KUMWE NANYJE, KITARI UKUVUGA NO GUKURIKIZA IBYO NKUBWIRA.
- Ni ko tumera. Twifuza ibyagaragara mu maso yacu.
- Ndishimye.
- *Indirimbo: nzasingiza Imana.*
- Ndabyibuka.
- Mwambwiye ko igihe cyose ngomba kumenya ko ndi KUMWE NAMWE haba mu byishimo cyangwa mu mibabaro.
- Iby'isi! Iby'isi ntabwo bimereye neza. Kubera ko bitajya bintera ibyibshimo na rimwe. Ahubwo iteka bintera imibabaro.
- Oya ntabwo nshobora kwinuba cyangwa kubyangwa kubera ko ARI BYO MBONAMO INZIRA MUMPAMAGARIRA.
- Maze kubibona neza. Ubungubu cyari igihe cyo kwishima gatoya.
- Oya ntabwo nshobora gutekereza ibindi kuko mwambwiye ko IMIBABARO ARI YO IBYARA IBYISHIMO. NAHO IBYISHIMO BIKABYARA IMIBABARO.

- Ugiriye rero imibabaro muri iyi si, AGOMBA KUBONA IBYISHIMO MU IJURU. Naho ugiriye ibyishimo muri iyi si, AKABONA IMIBABARO.
- Iby'isi turabibona biradusiga, ariko ntabwo tubimenya.
- Tuzi ko tubihabwa n'UMUREMYI W'IBIRIHO BYOSE, igihe abishakiye arabijyana.
- Tuzi ko iyo dufite ibintu biba byabaye ibyacu. Niyo mpamvu mubona tubyihambiraho.
- Turababara kuko tuba tuzi ko byabaye ibyacu burundu. Igihe rero tubibuze nibwo mubona twiheba tukagira imibabaro myinshi bigatuma mbese DUTANDUKANA NAMWE, kubera IBICUMURO TUGIRIRA MURI AKO GAHINDA.
- Nta n'umwe. Ari uwishimye ni akanya gatoya. Ntabwo kuva aho nabereye kandi n'aho nshobora kugera, ntawe ndabona wishimye igihe cyose. Niyo mpamvu rero nta n'umwe uri muri iyi si nta gahinda afite cyangwa ibindi byago.
- Oya ntabwo twese ari ko tubyemera kimwe. Akenshi mubona ukuntu twakira ububabare tubonera mu mirimo dufite. Kubera ukuntu nakomeje kubabwira ko, TUTAMENYA KO ARI CYO MUTWIFUZAHO. Niyo mpamvu mubona tutabyakirana ibyishimo.
- Ubundi nk'uko mubyivugira muti, UMWANA WANYU NTATANA N'UMUSARABA, koko urareba ko hafi ya bose, nta n'umwe udafite ikimubabaje. Ariko ku buryo babyakiriye..., ku buryo bakira ubwo bubabare, buratandukanye. Hariho ababwakiriye neza, bakifatanya N'UMWANA WANYU kubabara. Hakabaho rero n'ababwakiriye NABI bakifatanya na SHITANI kubabara.
- Mwakomeje kubivuga ko nta yindi NZIRA yindi itari iy'UMUSARABA, izatugeza aho muri. Ariko rero kubyumva no kubisobanukirwa biraruhije.
- icyakora kunyura mu matwi byo ntibijya bibura!
- Iiii, turabizi. Ariko kubimenya na none bituri kure. Tuzi ko MWAGIZE UBUBABARE BWINSHI MURI HAMWE N'UMWANA WANYU, ariko ubwo bubabare NTABWO TUJYA TUBWITA KO NAMWE MWAHETSE UMUSARABA MUKEMERA KUTUVUNIKIRA KUGIRA NGO DUSHOBORE GUKIRA.
- Ni ukubera icyubahiro twiha tudakwiriye; n'ishimwe dushaka ritatugenewe. Niyo mpamvu mbese mubona ukuntu twirata.
- Turabizi ko nta n'umwe muheza. Ariko rero ni twe twiheza.
- Turi IMBURAMUMARO koko!
- None se twakwigira dute?
- Natwe usanga tubyivugira ko turi IBIBURABWENGE! Cyane cyane IYO TWANGA KWAKIRA IBYIZA MUDUHA!
- Turishimye cyane, kubera ko twebwe dushimishwa no gusubira mu magambo twavuze, kubera ko bituma turushaho kumva no gusobanukirwa neza. Dushimishijwe n'uko kandi mukomeje kutwibitsa mutugarura mu NZIRA IBAGANA.

- Oya, murabyivugira ko mudashobora kuzanwa n'ubusa.
- Ntabwo turi zo.
- Akenshi ariko, twari dufite kubumvira, tukaba dufite no gukurikiza ibyo mutubwira. Ni uko nyine muri iyi si twifitiye rukuruzi. Sinareba natwe ukuntu TWIRIRWA TUZURUNGUTANA NA CYA SHITANI, KITUBUZA UBURYO, rimwe na rimwe rero tugatsindwa.
- Namwe mwarabikoze koko.
- Njyewe ubwo nabibasabaga, nagize ngo tuzarushaho mbese kubyumva, gusobanukirwa neza, ariko n'ubwo byabaye bwose ntabwo ari ko byagenze!
- Ntabwo ari ko byagenze!
- Nibyo koko tugomba GUKANGUKA, kugira ngo turushaho kubona neza ibyo mutwereka no kumva neza ibyo mutubwira kuko igihe tutazabyumva ngo tubikurikize ARIBWO TUZATANDUKANA NAMWE.
- Birababaje!
- Ntabwo koko mwarobanuye!
- Igwira kuri bose; ari k'utunganye ari k'udatunganye; ari ku mukene cyangwa ku mukire. Iyo iguye ntawe irobanura.
- Namwe rero, ubwo AMAGAMBO YANYU mwayabwiye buri wese, ariko twebwe tukaba twivangurira, TURAGATOYE KOKO!
- Nta tegeko na rimwe nigeze numva rivangura. Riza rivuga ngo: abangaba ndababwira ayangaya. Ngo ayandi ni aya'abangaba. Igihe cyose muza mutubwira twese.
- Ubwo se si shitani hari undi uba yarabiduhaye!
- NI AMADINI YOSE usibye ko ntayarondora ngo nyashobore. Ariko ni yose.
- Buri dini hariho abagenda bavangura, ko yose muyazi, muyaruzi, ni ko hagenda harimo ABIVANGURA.
- Ariko se nk'IDINI RITAJYA RIBEMERA, N'IRYANGA IBYO MUTUBWIRA, muzarirenganya?
- (Anataliya araseka) Oya, ariko mubigenjeje.., MUBIRENGAGIJE NK'UKO BABIRENGAGIZA BAMERERWA NABI N'UBWO BATABITEKEREZA BWOSE. Bazi ko ubwo babanga namwe mubanga. Niyi mpamvu mbese, batajya batekereza na rimwe kubagarukira.
- Kubera impuhwe zanyu mbasabiye kugira ngo mujye muhora mubasobanurira neza, mubumvishe ko uri "UMUBYEYI W'IMANA".



- (Anataliya araseka) Ni menshi cyane, babita ko muri ABABYEYI KIMWE N'ABANDI. Hakaba rero hari n'irindi dini rivuga ngo: YEZU NI UMUHUNGU KIMWE N'ABANDI! Ariko rero abo bose batajya babibuka na rimwe, ni ukubababarira.
- Ni wa mwijima udutekeyemo, utuma tutabona neza aho UKURI kuri.
- Kubera ko abo bose babahakana, kandi igihe mwatugendereye bakaba baje, mujye mubaha umutima wo kubumva no kubamenya, kugira ngo bashobore gukurikiza ibyo mubabwira.
- Ntabwo nakumva ukuntu umuntu yajya kureba UWO AHAKANA! Cyangwa akajya GUTUNGA ICYO ATAZI!
- N'abandi bose bibeshya ko Imana itabaho, mujye mubumvisha ko batiremye. Mbese mubamurikire mu mitima yabo; ntabwo ari ubwenge bwabo bubabwira, ni UBUHUMYI BAFITE MU MITIMA.
- Ariko cyane cyane ndasabira ABANTU BABAHAKANA WOVE N'UMWANA WANYU, kugira ngo mubumvishe neza ko NTAHO BARI!
- Nk'uko mwivugira ko MUZA KUGORORA IBIGORAMYE, mukavuga ko MUZA KWEGERANYA IBYATATANYE, KUBUMBIRA HAMWE IBIDAFITE UBUMWE, mujye mubikora uko mushaka mukurikije uko tumeze.
- Oya NTABWO MWAZANYWE NO KUBISENYA, ahubwo MWAZANYWE NO KUBISANA.
- Ntabwo nshobora kubyibagirwa kenshi, kuko ingabire n'inema ikomeza kubinyibutsa, ni IBATURUKAHO.
- N'iyo mwavuga ijamba rimwe ryaba rihagije.
- Mwatinda se cyangwa mutatinda byose murabikora uko mwabishatse.
- Ni ukubera ko tutameze neza ku mutima, bitewe n'uko iruhande rwacu HARI RUKURUZI ihora idukurura itujyana ahantu habi, bityo ikadukwizamo imico yayo mibi, ariyo SHITANI, ikaduha UBWIRASI, ikaduha UKWIKUZA, ikaduha KUGIRA ISHYARI, URWANGO n'izindi ngeso mbi zayo zose. Niyo mpamvu rero mubona twibona, tukireba, mbese tukiha icyubahiro n'ikuzo ritadukwiriye.
- Ibyo byose tubigira kubera ko tutabizi, TUKABA TUTAZI UBURYO MWUNZE UBUMWE N'UMWANA WANYU, KANDI N'UKO UMWANA WANYU YUNZE UBUMWE NA DATA PATRI.
- Natwe mubona ukuntu kenshi dufite amasengesho yo GUSABIRANA UBUMWE, kugira ngo mbese abantu b'isi yose dushobore kubagana, dufite umutima umwe, tubakorera kimwe, mbese tukamenya ko TWESE DUKOMOKA KURI UMWE.
- Ibyo rero ntabwo tubifite. Niyo mubona nta bumwe dufite ahubwo mu buzima bwacu hakaba higanjemo umwiriyane.
- Maze BABA BATEMERA YEZU KRISTU, BAKAJYA KWEMERA IDINI RYE GATOLIKA!

- Iyo umuntu amaze guhaga iby'isi, rimwe na rimwe niyo mpamvu mubona yishakira ABAMUKURIKIRA.
- Ni ukubera rero rya kuzo tuba dushaka n'ishimwe. Niyo mpamvu mubona dukora ibidatunganye!
- Sinumva baca umugani ngo: "Icyijuse kiradiha"!
- Muzarebe uwo munyaga iby'isi ko ajya atekereza ibyongibyo!
- Ariko uwo shitani ibihaye ikabimuhunda ntabura byinshi akora biyobya abandi. Kandi tuzi ko shitani icyayo ari icyo KUGABA IBY'ISI, kandi nabyo ikabitanga mu rugero rubi no mu gice kitari icyayo.
- Iyo maze kumva ibyongibyo, mbese uwo mwirya uri mu nsi, nkomeza gukora umurimo munshinga, usibye ko ntawutunganya uko muba mubyifuje!
- Ariko kandi kubera ko mwivugira ko MUTAZANYWE N'UBUSA, numva binshimishije!
- *Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.*
- Tuyiririmba kenshi.
- Rimwe na rimwe cyane cyane iyo turi mu gahinda, niho dushobora kuyiririmba tubikuye ku mutima. Ariko iyo turi mu byishimo ntabwo tuba duhari.
- Nk'uko wivugiye ko NAWA UKUNDA GUTANGA IMIBABARO, ARI UKUGIRA NGO UMUNTU ARUSHEHO GUSENGA NEZA, NGO KUKO IYO TURI MU BYISHIMO, UBURANGARE ARI HO BWIGANZA MU MASENGESHO YACU.
- Natwe rero akenshi tuza imbere yanyu KUBAMBAZA cyangwa se GUSENGA, dufite umutima ubikunze. Twagerayo rero, imitima yacu igasubira mu by'isi ariko atari ku bushake bwacu. Niyo mpamvu mubona akenshi tuvugagura gusa ariko tutabikuye ku mutima.
- Nk'uko hari benshi BIFUZA INEMA YO GUSENGA KOKO batarangara. Kandi buri muntu wese muri iyi si arabikeneye.
- Ariko namaze kwishima, igihe munsobanuriye muti: IYO BIGENZE BITYO, MWAJE GUSENGA MUBIKUNZE, BIRUTA UWAJE GUSENGANA UBURYARYA. Abenshi rero usanga babigira kimwe, nk'igihe umuntu agiye gusenga abikunze kandi abikuye ku mutima, yagera aho akarangara, akagira ngo yakoresheje uburyarya. Gusa abenshi rero bakabisobanuzi.
- Nabibasobanuriye uko mwabimbwiye. Mbabwira ko ukoresheje uburyarya ari USENGA CYANGWA SE UKORA KUGIRA NGO ABONWE N'AMASO Y'ABANTU.
- Naho icyo gihe umuntu aba agiye gusenga akarangara, ariko yabishakaga, ari uko aba AFITE INTEGER NKEYA. ARI UBURANGARE BWIGANJE.
- Kuva icyo gihe mwabitubwiriye, nizera ko umuntu wese amaze kumva ko atagomba GUKORERA AMASO Y'ABANTU. Ahubwo agomba GUKORERA AMASO YANYU, kuko amaso y'abantu kuyakorera ntacyo bivuze.

- N'ishimwe ahabwa ni iry'akanya gato.
- Byari bimaze kuba akarande.
- Iyo umuntu atakoraga kugira ngo abonwe n'amaso y'abantu, ntabwo byamushimishaga; cyangwa nta n'ubwo byatumaga aba umuntu mu bandi.
- Niyo mpamvu mubona n'ubikoze bamwita umugabo!
- Oya ntabwo numvise ko uburyarya bukoreshwa mu masengesho gusa.
- Nabyumvise ko bukoreshwa kenshi, aho umuntu akorera kugira ngo abonwe n'amaso y'abantu aho ari ho hose ntabwo ko ari mu buryarya.
- Kubwirinda tukiri muri iyi si birakomeye. Gusa tuzabifashwamo namwe.
- Kubera ko iby'isi nk'uko mubyivugira, NIBYO BIDUKURURA BIGATUMA TUBESHYA, BIGATUMA DUKORESHA UBWO BURYARYA, BIGATUMA MBESE DUTERANYWA, TUKABA AHO TUDAFITE UBWUMVIKANE.
- Ni byinshi, ibyo byose mwarabimbwiye. Gusa nshimishijwe n'uko mwongeye kubinyibutsa kandi mukaba mubyibutsa n'abandi bose mwifuzza kugezaho ubutumwa.
- Mwansobanuriye ko IMPAMVU MUKUNDA KUBIDUSUBIRISHAMO, ARI UKO TURI INDANGARE.
- Turabizi, ABAFITE UBUTUMWA BWO KOGEZA IVANJIRI, BATUBWIRA KO MUDAKORESHA AGAHATO, ko namwe mubyivugira.
- Yarabimbwiye.
- Agiye kunsezeraho =====
- Hari ku itariki ya 31/5, ntangira ku ya 1/6, iminsi 33 ishira ejo. Uyu muni ni uwa 34 mumbwiye ko ARI WO MUZANSURA, ndushaho kwishima ariko n'ubwoba buvanze !
- Ni uko ntazi neza icyo kintu icyo ari cyo.
- Ariko mbere y'uko mubimbwira, njyewe numvise abantu hirya no hino bambwira ngo mwaravuze ngo muzigaragaza mu maso yabo. Ngo ubundi ngo mubabwire ngo biyumvira ! ariko njyewe nzi ko ibyo mutabimbwiye, kandi bavuga ko byaturutse mu kanwa kanjye !
- (Anataliya araseka) Nayobewe ko mwatanga igitangaza BIVUGIYE, cyangwa igitangaza BATANZE UBWABO ! njyewe nzi nez ako IBITANGAZA MUTANZE, BIZA NTA MUNTU WABYITEGUYE, CYANGWA NTA MUNTU UBIZI ! ariko twebwere ni twe tubitegeka.
- Ahari mushobora kuba mwanabikora, mwakumva twiriwe tubivuga mukanga.
- Iyo muzaza kudasura ntibabura ibyo bavuga ko muzatanga.
- Bazi ko mwazanywe no gutanga ibitangaza !

- Ubwo yansezereye YAMBUJIJE GUKEKA. Usibye ko umunsi rimwe na rimwe nakekaga ariko nakibuka ko YAMBUJIJE, nkabyihorera. Ariko n'ubwo nakekaga bwose byaheraga (guhera) mu mutima wanjye.
- Ndishimye. Sinzi icyo ari cyo ariko ngomba kucyishimira !
- Ibyo muntegetse byose ngomba kugerageza kubumvira.
- Icyo ari cyo cyose ntabwo ari igitangaza !
- Oya igitangaza ntabwo ari cyo ngombwa koko nibyo, icya ngombwa ni ijambo ryanyu.
- Guhera umwaka ushize narabumviye kugeza iki gihe.
- Nemeze ibikorwa n'amagambo mabi , byose, abantu bese bangiriraga !
- Nzajya mu rugo !!! (Natariya amara akanya yunamye, ashimira bucece kandi arira, amarira ashoka).
- Ubundi igihe kinini amarira agaragaza umubabaro. Ariko hari n'igihe umuntu ayagira kubera ibyishimo, bitewe no kubura ijambo avuga ! (Arongerera arunama, ashimira bucece).
- *Indirimbo : Imana yaduhaye umugisha.*
- Umunsi ?
- Nawumenyeshejweho ibyiza byinshi.
- Ni cumi n'imwe.
- Hazaba ari kuwa mbere.
- Indirimbo : Nzasingiza Imana (ayiririmba arira, ariko arizwa n'ibyishimo).
- Ku mubiri hagaragaje ikimenyetso cyerekana ko mbabaye, ariko ibyishimo ku mutima ni byose.
- Akenshi natekereje ibyavuzwe byose, n'ibyakoze byose.
- Nk'uko umwana wanyu mbere yo kunsezerera yambwiye ati : ibyifuzo byawe byose bizasubizwa.
- Uyu munsi ungaragariye koko ko ibyifuzo byanjye bizasubizwa.
- Kandi nshimishijwe n'uko mutakoze ugushaka kwanjye, ahubwo murangije ugushaka kwanyu.
- Nk'uko nabyifujye kenshi ntibibe ari ko bingendekera. Ariko ku munsi mubishatse kandi ntabitekereje mukaba ari ho mubimbwiye !
- Nk'uko umwana wanyu yabivuze ati : ibidukomokaho biza buhoro buhoro ; kandi bizira igihe mutazi. Mukaba mudusaba kugira ukwihangana n'ukutarambirwa. Cyane cyane ibintu

byinshi tubibuzwa n'uko tutagira ukwihangana, ngo tumenye nez ako ibibakomokaho bitaza igihe dushakiye.

- Yampaye urugero avuga ati : kuki mwihanganira imbuto zanyu zera mu myaka icumi cyangwa makumyabiri, ariko ntimwihanganire ikidukomokaho kidashira ?
- Nzamarayo se igihe kingana iki ?
- Ntabwo nshobora guhitamo, kuko mpisemo, nahitamo nabi.
- Ndishimye kuko muzakimenyesha.
- Ya mashitani agiye kuguja apfe !!!
- Kuko mwumvise isengesho ryanjye.
- Kandi abanzi banjye bazarushaho kwishima naho abakunzi banjye barusheho kubabara.
- Muzakomeze muduhe umutima wo kubizera, umutima wo kubakunda, umutima wo kububaha n'umutima wo kubakorera.
- Ntabwo nshimye icyo mumpaye nshimye umutima mubimpananye.
- Byose muzakore uko mushaka. Ndabizi neza ko umwana wanyu adatana n'umusaraba. N'iyo yayihungira hehe, n'iyo yajya hehe, yahamusanga.
- Akenshi usanga tubyibeshyamo tukavuga tuti : duhunze kiriya cyago twagira amahoro ! Ariko ibyo tubona nyuma y'icya mbere, ni cyo kiba gikomeye. Naho rero ntabwo navuga ngo mpunze imisaraba, kuko nzi neza ko umwana wanyu adatana n'imisaraba.
- *Indirimbo : Bikira Mariya ni umubikira.*
- Mwatubwiye byinshi kandi bidushimishije.
- Ntabwo tuwukoresha uko muba mubyifuza, ariko tuba tuwukeneye.
- Tuwakira ku buryo bwinshi ; ariko kandi butandukanye. Hariho abawakira neza, hakaba rero n'abawakira nabi.
- Ntabwo twibaza impamvu igihe cyose iyo mwaje muduha umugisha. Gusa njye ntekereza ko ari nk'igihe umubyeyi aba ari kumwe n'abana be, yabatumiye hirya no hino, yajya gutaha akabaha umugisha. Namwe rero mbona ko iyo mwatugendereye, iyo mumaze kuduha ubutumwa no kudukangura, mbere y'uko musubiraye mubanza kuduha umugisha ngo udukomeze kandi ukomeze utwibutse ibyo mwatubwiye.
- Turawubasaba.muduhe ingabire yo kwicuza ibyaha mbere yo guhabwa umugisha.
- Amasengesho : (Natariya atera isengesho ryo kwicuza ibyaha ; ndakuramutsa Mariya, Dawe uri mu ijuru na Hubahwe).
- Uwo nimumucyamuze agashyi kubera ko arangaye !

- Mukoresheje ububasha bwanyu.
- Ni uko tumera ahari hari ibyo mutwoherereza bikaza bisanga tudahari.

*(Bigeze saa kumi n'iminota 35, Anataliya amanuka kuri podium ayobowe na Bikira Mariya, anyura hagati y'abantu, araramye arangamiye gusa uwo mubyeyi watangaga umugisha, awuha abari bateraniye aho. Anataliya akagenda gahoro yitonze, akajya anyuzamo agahagarara, agahindukirira mu cyerekezo umubyeyi amuganishijemo, akongera agakomeza urugendo buhoro atihuta ; nuko azenguruka podium abigira atyo. Asubira guhagarara hejuru yayo aho yahoze mbere. Byari bimaze kuba saa kumi n'iminota 48).*

- Niba n'ibi ntabwo bimeze nk'ibya kera.
- Ibyo gukiza ubumuga bwa roho n'ubw'umubiri nibyo byamvunaga cyane !
- Ubu abenshi ntabwo bamenye ko mwabahaye umugisha !!! Bamenyereye umugisha w'amazi  
=====
- Muwutanga kwinshi kandi ku buryo bwinshi.
- Narababwiye nti n'ubwo uhabwa amazi ntushobora kumenya ikirimo imbere.
- icyo mpfa ni umugisha wanyu.
- Uwababonye ni ufite amaso y'imbere, utayafite ntiyababonye.
- Ni yo dukeneye muri iki gihe =====
- Turabizi koko ko turi abana bawe, uzakomeze kudasura.
- Oya niyo yaba ikirumbo ate, aravuga ati : umwana wanjye ameze ate ?
- Nibyo. Tuzajya tubumva namwe mujye mudutsindira ibiduhuma amaso.
- =====
- N'iyo namarana namwe imyaka ibihumbi n'ibihumbi, ibyifuzo byanjye ntibyashira.
- Hari abafite ubumuga, intimba ku mutima itewe n'ibyaha. Ibyifuzo byacu byiyongera buri saha. Uzajye ureba ikidukwiriye.
- Urareba n'ubwo tutari benshi hariho abagushakashaka ariko ntibakubona. Ibituma tutakureba ujye ubidukiza.
- Ari umukuru ari umuto, tuguteze amaso tureba ibikuva mu ntoki.
- Nongeye gusabira isi ===== inema n'ingabire zo gutunganya ibyo mutubwira byose, tukabikurikiza.
- Ubushishozi, ubwitonzi, urumuri n'imbaraga, ubutwari n'ukwihangana.

- Muduhe guhora turi maso nk'uko Yezu yabyivugiye ati: "muhore muri maso kugira ngo mudatsindwa n'ibishuko".
- Ntabwo birangiye =====
- Mwaravuze muti: "muhimbazwa n'uko tubatega amatwi, ariko ntimwishimira kuyatega ngo mwumve ubutumwa tubaha".
- Koko ni ko isi ibigira.
- Mbasabye ingabire yo kubanza gutunganya ibyo mudushakaho, tukabaha ikuzo tubashimira ibyo mutugirira.
- Muzagaruka ryari ?
- Mukunda kumbwira ko muzabimenyesha kandi ni ko bigenda sinjya nshidikanya.
- Amagambo ya nyuma mugiyeye =====
- Tugomba kubyuka tukiyuhagira kandi tugakanura.
- Turabyemeye. Ku bwa roho bizashoboka. Ariko ku bw'umubiri ntibyashoboka.
- Turemeye.
- Murakoze.
- *Indirimbo : Imana yaduhaye umugisha.*

(Birangiriye aha saa kumi n'imwe n'iminota 7).